Republic of Rwanda

NISR
NATIONAL INSTITUTE OF STATISTICS OF RWANDA



IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO (CPI)

UKWEZI K'UKWAKIRA 2026

10 UGUSHYINGO 2026

NISR © 2026 Ikigo cy'Igihugu cy'Ibarurishamibare mu Rwanda. Byatangiwe uburenganzira bwa CC BY 4.0

Agasanduku k'iposita: 6139 Kigali, Rwanda

Tel: +250 788 383103

Imeyili: info@statistics.gov.rw

Urubuga: www.statistics.gov.rw

Uburyo bwo kubyifashisha mu nyandiko:

Ikigo cy'Igihugu cy'Ibarurishamibare mu Rwanda (NISR), Igipimo Cy'ihindagurika Ry'ibiciro (CPI), 2026.

1 IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO MU KWEZI KW'UKWAKIRA 2026

Ikigo cy'igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda kinejejwe no kubagezaho igipimo cy'ihindagurika ry'ibiciro mu kwezi kw'Ukwakira 2026. Igipimo ngenderwaho cyifashishwa mu bukungu bw'u Rwanda kiboneka hifashishijwe gusa ibiciro byakusanyijwe mu mijyi.

1.1. Ibiciro mu mijyi

Mu kwezi kw'Ukwakira 2026, ibiciro mu mijyi byiyongereyeho 19,5% ugereranyije n'Ukwakira 2025. Muri Nzeri 2026 byari byiyongereyeho 17,2%.

Mu kwezi kw'Ukwakira 2026, ibiciro byiyongereye bitewe ahanini n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 28,9%, ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byiyongereyeho 14,2%, ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byiyongereyeho 22,4% n'ibiciro by'amafunguro n'icumbi byiyongereyeho 20,6%.

Ugereranyije Ukwakira 2026 na Nzeri 2026, ibiciro byiyongereyeho 3,3%. Iri zamuka ryatewe ahanini n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 7,8%.

Ugereranyije Ukwakira 2026 n'Ukwakira 2025, ibiciro by'ibintu bitarimo ibiribwa n'ibikomoka ku ngufu byiyongereyeho 11,5%.

1.2. Ibiciro mu byaro

Mu kwezi kw'Ukwakira 2026, ibiciro mu byaro byiyongereyeho 31,3% ugereranyije n'Ukwakira 2025. Ibiciro mu kwezi kwa Nzeri 2026 byari byiyongereyeho 22%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongera mu kwezi kw'Ukwakira 2026 ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 43,5%, ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byiyongereyeho 20,1% n'ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byiyongereyeho 37,9%.

Ugereranyije Ukwakira 2026 na Nzeri 2026, ibiciro byiyongereyeho 8,6%. Iri zamuka ryatewe ahanini n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 13,6%.

1.3. Ibiciro bikomatanyirijwe hamwe (mu mijyi no mu byaro)

Mu kwezi kw'Ukwakira 2026, ibiciro mu Rwanda byiyongereyeho 26,5% ugereranyije n'Ukwakira 2025. Ibiciro mu kwezi kwa Nzeri 2026 byari byiyongereyeho 20%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongera mu kwezi kw'Ukwakira 2026 ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 39,1%, ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byiyongereyeho 17,4%, ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byiyongereyeho 25,9% n'ibiciro by'amafunguro n'icumbi byiyongereyeho 18,1%.

Ugereranyije Ukwakira 2026 na Nzeri 2026, ibiciro byiyongereyeho 6,5%. Iri zamuka ryatewe ahanini n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 11,9%.

Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva mu Ukwakira 2025 kugeza mu Ukwakira 2026.

Ijanisha ry'ihinduka ry'ibiciro ugereranyije n'ukwezi bisa k'umwaka ushize ndetse n'ukwezi kwakubanjirije													
	2025			**2026**									
	10	**11**	**12**	**01**	**02**	**03**	**04**	**05**	**06**	**07**	**08**	**09**	**10**
Ijanisha ry'ihinduka ry'ibiciro ku mwaka													
Mu mijyi	7,1	7,2	8,0	8,9	9,2	9,2	13,0	12,9	13,6	14,5	15,7	17,2	19,5
Mu byaro	3,8	2,0	3,3	6,5	7,0	6,7	10,6	11,8	12,1	13,3	16,0	22,0	31,3
Mu Rwanda	5,1	4,1	5,2	7,5	7,9	7,7	11,5	12,3	12,7	13,8	15,9	20,0	26,5
Ijanisha ry'ihinduka ry'ibiciro ku kwezi													
Mu mijyi	1,3	0,2	0,0	1,3	0,9	1,3	4,7	0,5	0,4	0,9	1,8	2,7	3,3
Mu byaro	0,8	-0,3	-0,9	0,1	1,4	1,9	6,8	0,7	0,4	-0,2	3,1	6,5	8,6
Mu Rwanda	1,0	-0,1	-0,6	0,6	1,2	1,7	5,9	0,6	0,4	0,3	2,6	5,0	6,5

Isoko:Ikigo cy' igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda

+250 788 38 3103 www.statistics.gov.rw info@statistics.gov.rw